

ITEGEKO N°18/2017 RYO KU WA 28/04/2017
RIGENGA IMICUNGIRE Y'IMIHIGO
IGAMIJE UMUSARURO MU NZEGO
Z'UBUTEGETSI BWA LETA

LAW N°18/2017 OF 28/04/2017 GOVERNING
RESULTS-BASED PERFORMANCE
MANAGEMENT IN BRANCHES OF
GOVERNMENT

LOI N°18/2017 DU 28/04/2017 REGISSANT LA
GESTION DES PERFORMANCES AXEE
SUR LES RESULTATS AU SEIN DES
POUVOIRS DE L'ETAT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mberere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibigengwa n'iri tegeko

Article 2: Scope of this Law

Article 2: Champ d'application de la présente loi

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions

Article 3: Définitions

Ingingo ya 4: Ibyiciro by'imicungire y'imihigo
igamije umusaruro

Article 4: Phases of results-based performance
management

Article 4: Phases de gestion des performances
axée sur les résultats

UMUTWE WA II: ITEGURWA
RY'IMIHIGO

CHAPTER II: PERFORMANCE CONTRACT
PREPARATION

CHAPITRE II: ELABORATION DU
CONTRAT DE PERFORMANCE

Icyiciro cya mberere: Igenamigambi

Section One: Planning

Section première: Planification

Ingingo ya 5: Inzira zikurikizwa mu gutegura
imihigo

Article 5: Process of performance contract
preparation

Article 5: Processus d'élaboration du contrat de
performance

Ingingo ya 6: Itegurwa ry'igenamigambi ku
rwego rw'igihugu

Article 6: National planning preparation
process

Article 6: Processus d'élaboration de la
planification nationale

<u>Ingingo ya 7:</u> Guhuza igenamigambi n'iteganyabikorwa by'inzego za Leta	<u>Article 7:</u> Linking planning with the action plan of State organs	<u>Article 7:</u> Relier la planification au plan d'action des organes de l'Etat
<u>Ingingo ya 8:</u> Guhuza igenamigambi n'ingengo y'imari	<u>Article 8:</u> Linking planning with the budget	<u>Article 8:</u> Relier la planification au budget
<u>Ingingo ya 9:</u> Igenamigambi ry'ibikorwa bihuriweho n'inzego	<u>Article 9:</u> Joint planning	<u>Article 9:</u> Planification conjointe
<u>Icyiciro cya 2:</u> Itegurwa ry'imihigo	<u>Section 2:</u> Performance contract preparation	<u>Section 2:</u> Elaboration du contrat de performance
<u>Ingingo ya 10:</u> Guhuza iteganyabikorwa n'imihigo y'urwego n'iy'abakozi barwo	<u>Article 10:</u> Integration of the action plan and performance contract of the organ with performance contracts of its staff	<u>Article 10:</u> Intégration du plan d'action et le contrat de performance de l'organe aux contrats de performance de son personnel
<u>Ingingo ya 11:</u> Gushyira ibikorwa mu byiciro no guhuza ibikorwa by'umukozi n'intego ku musaruro	<u>Article 11:</u> Categorizing activities and aligning activities in the individual performance contract with the targeted result	<u>Article 11:</u> Classement des activités et alignement du contrat individuel de performance avec le résultat escompté
<u>UMUTWE WA III: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO</u>	<u>CHAPTER III: EXECUTION OF THE PERFORMANCE CONTRACT</u>	<u>CHAPITRE III: EXECUTION DU CONTRAT DE PERFORMANCE</u>
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Amasezerano y'imihigo	<u>Section One:</u> Performance contract	<u>Section première:</u> Contrat de performance
<u>Ingingo ya 12:</u> Gushyira umukono ku masezerano y'imihigo	<u>Article 12:</u> Signing the performance contract	<u>Article 12:</u> Signature du contrat de performance
<u>Ingingo ya 13:</u> Abashyira umukono ku masezerano y'imihigo	<u>Article 13:</u> Parties to the performance contract	<u>Article 13:</u> Parties au contrat de performance
<u>Icyiciro cya 2:</u> Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo	<u>Section 2:</u> Monitoring the implementation of performance contracts	<u>Section 2:</u> Suivi de l'exécution des contrats de performance

<u>Ingingo ya 14:</u> Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'urwego n'abakozi barwo	<u>Article 14:</u> Monitoring the implementation of performance contracts of an organ and its staff	<u>Article 14:</u> Suivi de l'exécution des contrats de performance d'un organe et son personnel
<u>Ingingo ya 15:</u> Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo mu nzego za Leta	<u>Article 15:</u> Monitoring the implementation of performance contracts in State organs	<u>Article 15:</u> Suivi de l'exécution des contrats de performance dans les organes de l'Etat
<u>Ingingo ya 16:</u> Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'abakozi	<u>Article 16:</u> Monitoring the implementation of individual staff performance contracts	<u>Article 16:</u> Suivi de l'exécution des contrats de performance individuels des membres du personnel
<u>Ingingo ya 17:</u> Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ihuriweho	<u>Article 17:</u> Monitoring the implementation of joint <i>Imihigo</i>	<u>Article 17:</u> Suivi de l'exécution des <i>Imihigo</i> conjoints
<u>Ingingo ya 18:</u> Raporo ku gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo	<u>Article 18:</u> Report on the monitoring of the implementation of performance contracts	<u>Article 18:</u> Rapport du suivi de l'exécution des contrats de performance
<u>Icyiciro cya 3:</u> Isuzuma ry'imihigo	<u>Section 3:</u> Evaluation of performance contracts	<u>Section 3:</u> Evaluation des contrats de performance
<u>Ingingo ya 19:</u> Isuzuma ry'imihigo	<u>Article 19:</u> Evaluation of performance contracts	<u>Article 19:</u> Evaluation des contrats de performance
<u>UMUTWE WA IV: INGARUKA Z'ISUZUMA RY'IMIHIHO</u>	<u>CHAPTER IV: EFFECTS OF PERFORMANCE EVALUATION</u>	<u>CHAPITRE IV: EFFETS DE L'EVALUATION DES PERFORMANCES</u>
<u>Ingingo ya 20:</u> Ingaruka z'isuzumabushobozi rishingiye ku musaruro	<u>Article 20:</u> Effects of results-based evaluation	<u>Article 20:</u> Effets de l'évaluation basée sur les résultats
<u>Ingingo ya 21:</u> Ingaruka z'isuzumabushobozi ry'imihigo y'inzego za Leta	<u>Article 21:</u> Effects of performance evaluation of State organs	<u>Article 21:</u> Effets de l'évaluation des performances des organes de l'Etat

UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 22:</u> Guha agaciro ibyakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangazwa	<u>Article 22:</u> Legal effect of acts performed before the publication of this Law	<u>Article 22:</u> Validité des actes posés avant la publication de la présente loi
<u>Ingingo ya 23:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 23:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 23:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 24:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 24:</u> Repealing provision	<u>Article 24:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 25:</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 25:</u> Commencement	<u>Article 25:</u> Entrée en vigueur

ITEGEKO N° 18/2017 RYO KU WA 28/04/2017 RIGENGA IMICUNGIRE Y'IMIHIKO IGAMIJE UMUSARURO MU NZEGO Z'UBUTEGETSI BWA LETA

Twebwe Paul KAGAME,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Werurwe 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 61, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 119, iya 120 n'iya 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenza n° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta;

YEMEJE:

LAW N° 18/2017 OF 28/04/2017 GOVERNING RESULTS-BASED PERFORMANCE MANAGEMENT IN BRANCHES OF GOVERNMENT

We, Paul KAGAME,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 29 March 2017;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 61, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 119, 120 and 176;

Pursuant to Organic Law n° 001/2016/OL of 20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions;

ADOPTS:

LOI N° 18/2017 DU 28/04/2017 REGISSANT LA GESTION DES PERFORMANCES AXEE SUR LES RESULTATS AU SEIN DES POUVOIRS DE L'ETAT

Nous, Paul KAGAME,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 29 mars 2017;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 61, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 119, 120 et 176;

Vu la Loi Organique n° 001/2016/OL du 20/04/2016 portant dispositions générales régissant les établissements publics;

ADOPTE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigenga imicungire y'imihigo igamije umusaruro mu Nzego z'Ubutegetsi bwa Leta.

Ingingo ya 2: Ibigengwa n'iri tegeko

Iri tegeko rigenga inzego zose zo mu Butegetsi bwa Leta n'abakozi bazo.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **amasezerano y'imihigo y'umukozi:** amasezerano ashirwaho umukono n'umukozi wa Leta hamwe n'umuyobozi umukuriye mu kazi, yerekana ibiteganyijwe kugerwaho n'umukozi mu gihe cy'umwaka w'ingengo y'imari;
- 2° **amasezerano y'imihigo y'urwego:** amasezerano y'ibikorwa ashirwaho umukono n'umuyobozi w'urwego rureberera hamwe n'umuyobozi w'urwego rurebererwa. Ayo masezerano agaragaza ku buryo burambuye umusaruro w'urwego uteganywa kugerwaho mu gihe cy'umwaka w'ingengo y'imari;

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law governs results-based performance management in Branches of Government.

Article 2: Scope of this Law

This Law applies to all State organs and public service.

Article 3: Definitions

For purposes of this Law, the following terms have the following meanings:

- 1° **individual performance contract:** agreement signed between a public servant and his/her immediate supervisor detailing the expected results of an employee within a fiscal year;
- 2° **performance contract of the organ:** agreement on activities signed between the head of an organ and the head of its supervising authority. That agreement details the results of the organ to be achieved within a fiscal year;

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi régit la gestion des performances axée sur les résultats au sein des pouvoirs de l'Etat.

Article 2: Champ d'application de la présente loi

La présente loi régit tous les organes de l'Etat et la fonction publique.

Article 3: Définitions

Aux sens de la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes:

- 1° **contrat individuel de performance:** accord signé entre un agent de l'État et son supérieur hiérarchique détaillant les résultats attendus d'un agent au cours de l'exercice fiscal;
- 2° **contrat de performance de l'organe:** accord des activités signé entre le dirigeant d'un organe et le dirigeant de son organe de tutelle. Cet accord détaille des résultats de l'organe à atteindre pendant une période d'année fiscale;

Official Gazette n° 20 bis of 15/05/2017

- 3° **igenamigambi:** uburyo bwo gushyiraho icyerekezo, intego, ingamba no kugaragaza uburyo bw'ishyirwa mu bikorwa ndetse no guteganya ibikenewe kugira ngo urwego rugere ku ntego rwihaye;
- 3° **planning:** means by which the vision, goals and strategies are set as well as mechanisms for their implementation and identification of logistics needed for the organ to achieve its goals;
- 3° **planification:** moyens par lesquels une vision, des objectifs et des stratégies sont définis ainsi que les mesures de leur mise en œuvre et la définition de la logistique nécessaire à la réalisation des objectifs de l'organe;
- 4° **igihe giciriritse:** igihe kirengeje umwaka umwe (1) ariko kitarengeje imyaka itanu (5);
- 4° **medium term:** period longer than one (1) year but not exceeding five (5) years;
- 4° **moyen terme:** période supérieure à un (1) an, mais n'excédant pas cinq (5) ans;
- 5° **igihe kirambye:** igihe kirengeje imyaka itanu (5);
- 5° **long term:** period exceeding five(5) years;
- 5° **long terme:** période supérieure à cinq (5) ans;
- 6° **igihembwe:** igihe cy'amezi atatu (3) akurikirana mu buryo bujyanye n'umwaka w'ingengo y'imari aho igihembwe cya mbere gitangira mu ntangiriro ya buri mwaka w'ingengo y'imari ibindi bigakurikiraho buri kimwe gifata amezi atatu (3);
- 6° **quarter:** a period of three (3) consecutive months calculated in line with a fiscal year, where the first quarter starts with the beginning of each fiscal year and others follow by taking three (3) months each;
- 6° **trimestre:** période de trois (3) mois consécutifs calculée en fonction de l'année fiscale où le premier trimestre commence par le début de chaque année fiscale et les autres continuent en prenant trois (3) mois chacune;
- 7° **imicungire igamije umusaruro:** uburyo bwo gucunga imikorere buyobora kandi bugapima uruhare rw'inzego z'imirimo ya Leta n'abakozi ba Leta mu kugera ku ntego z'iterambere ry'igihugu;
- 7° **results-based management:** management approach which guides and measures the role of public service and public servants in achieving the national development goals;
- 7° **gestion axée sur les résultats:** approche de gestion de performance qui guide et mesure le rôle de la fonction publique et des agents de l'Etat pour la réalisation des objectifs nationaux de développement;
- 8° **imihigo:** intego urwego rwa Leta cyangwa umukozi wa Leta biyemeza kugeraho ikubiyemo ibikorwa bizakorwa n'umusaruro uzabivamo mu gihe cy'umwaka w'ingengo y'imari hashingiwe ku iteganyabikorwa rya buri mwaka ry'urwego;
- 8° **performance contract:** target that a State organ or a public servant resolves to achieve including expected results to be achieved within a fiscal year in line with the annual action plan of the organ;
- 8° **contrat de performance:** objectif qu'un organe de l'Etat ou un agent de l'Etat se convient d'atteindre détaillant les résultats attendus dans l'année fiscale dans le cadre du plan d'action annuel de l'organe;
- 9° **imihigo ihuriweho n'inzego:** imihigo y'ibikorwa ihuriweho n'inzego zitandukanye
- 9° **joint Imihigo:** joint performance contract of activities with different organs committed to
- 9° **Imihigo conjoints:** contrat de performance des activités conjointes des différents organes

Official Gazette n° 20 bis of 15/05/2017

- ziyemeza kugera ku musaruro w'ibikorwa zihuriyeho, hagamijwe kugera ku ntego z'iterambere ry'igihugu mu gihe bitagenerwa urwego rumwe gusa;
- 10° **ingamba:** uburyo bushyirwaho mu guhuza, kugenzura no gukurikirana uko iteganyabikorwa rishyirwa mu bikorwa;
- 11° **inzego z'ubutegetsi bwa Leta:** inzego z'Ubutegetsi Nshingamategeko, inzego z'Ubutegetsi Nyubahirizategeko n'inzego z'Ubutegetsi bw'Ubucamanza;
- 12° **iteganyabikorwa:** inyandiko igaragaza ku buryo burambuye umusaruro wateganyijwe kugerwaho n'urwego mu gihe runaka n'ingamba zo kuwugeraho;
- 13° **iteganyabikorwa ry'umwaka:** inyandiko igaragaza ku buryo burambuye umusaruro wateganyijwe kugerwaho n'urwego mu gihe cy'umwaka w'ingengo y'imari ndetse n'ingamba zizakoreshwa kugira ngo ugerweho;
- 14° **umusaruro:** ibyagezweho bivuye mu bikorwa by'urwego cyangwa by'umukozi warwo bijyanye n'imihigo ndetse n'iteganyabikorwa ryarwo.
- achieve the results of joint activities aiming at achievement of national development goals when those activities may not be assigned to a single organ;
- 10° **strategy:** means set up for coordinating, evaluating and monitoring of the process of the implementation of an action plan;
- 11° **organs of branches of Government:** organs of the Legislature, organs of the Executive and organs of the Judiciary;
- 12° **action plan:** document providing detailed results to be achieved in a given period by an organ and strategies for achieving such desired results;
- 13° **annual action plan:** a document providing detailed results to be achieved by an organ within a fiscal year and a strategy to be used for achieving such desired results;
- 14° **results:** achievements made by an organ or its staff in relation to the performance contract and action plan of the organ.
- qui s'engagent à réaliser les résultats des activités conjointes visant à atteindre les objectifs nationaux dans le cadre de développement lorsque ces activités ne peuvent pas être effectuées par un seul organe;
- 10° **stratégie:** moyens mis en place pour coordonner, évaluer et faire le suivi du processus de l'exécution du plan d'action;
- 11° **organes des pouvoirs de l'État:** organes du Pouvoir Législatif, organes du Pouvoir Exécutif et organes du Pouvoir Judiciaire;
- 12° **plan d'action:** document prévoyant des résultats détaillés à atteindre dans une période donnée par un organe et les stratégies pour atteindre ces résultats;
- 13° **plan d'action annuel:** un document indiquant les résultats détaillés à atteindre par un organe pendant une période d'année fiscale et une stratégie à utiliser pour atteindre ces résultats;
- 14° **résultats:** réalisations effectuées par un organe ou son agent en relation avec le contrat de performance et le plan d'action de l'organe.

Ingingo ya 4: Ibyiciro by'imicungire y'imihigo igamije umusaruro

Imicungire y'imihigo igamije umusaruro yubahiriza ibyiciro bitanu (5) bikurikira:

- 1° igenamigambi;
- 2° igena ry'ingengo y'imari;
- 3° ishyira mu bikorwa;
- 4° igenzura;
- 5° isuzumamikorere.

Article 4: Phases of results-based performance management

Results-based performance management respects the following five (5) phases:

- 1° planning;
- 2° budgeting;
- 3° implementation;
- 4° monitoring;
- 5° evaluation.

Article 4: Phases de gestion des performances axée sur les résultats

La gestion des performances axée sur les résultats respecte les cinq (5) phases suivantes :

- 1° planification ;
- 2° budgétisation ;
- 3° mise en œuvre ;
- 4° suivi;
- 5° évaluation.

UMUTWE WA II: ITEGURWA RY'IMIHIHO

Icyiciro cya mbere: Igenamigambi

Ingingo ya 5: Inzira zikurikizwa mu gutegura imihigo

Imihigo y'urwego n'iy'abakozi barwo igomba gushingira ku igenamigambi ry'igihugu.

Buri rwego rwa Leta rugomba gushyiraho iteganyabikorwa n'ingamba zo gukurikirana uko rishyirwa mu bikorwa. Uburyo bw'igenamigambi bugomba guhuzwa n'ingengo y'imari iteganyijwe.

Ingingo ya 6: Itegurwa ry'igenamigambi ku rwego rw'igihugu

Urwego rwa Leta rufite mu nshingano gukora igenamigambi ry'igihugu rugomba gukora

CHAPTER II: PERFORMANCE CONTRACT PREPARATION

Section One: Planning

Article 5: Process of performance contract preparation

A performance contract of an organ and individual performance contract must be based on national planning cycle.

Every State organ must establish an action plan and the strategies meant for monitoring its implementation. The planning process must be aligned with the budget.

Article 6: National planning preparation process

The State organ in charge of national planning must prepare long-term and mid-term action plans. Such

CHAPITRE II: ELABORATION DU CONTRAT DE PERFORMANCE

Section première: Planification

Article 5: Processus d'élaboration du contrat de performance

Le contrat de performance de l'organe et individuel doivent être basés sur la planification nationale.

Chaque organe de l'Etat doit établir un plan d'action et les stratégies visant le suivi de sa mise en œuvre. Le processus de planification doit s'aligner au budget.

Article 6: Processus d'élaboration de la planification nationale

L'organe de l'Etat ayant la planification nationale dans ses attributions doit élaborer le plan d'action

iteganyabikorwa ry'igihe kirambye n'iry'igihe giciriritse. Uru rwego kandi rufite inshingano yo gukurikirana ko inzego za Leta zashyizeho igenamigambi ry'igihe giciriritse n'irya buri mwaka.

Ingingo ya 7: Guhuza igenamigambi n'iteganyabikorwa by'inzego za Leta

Inzego za Leta zihuriye mu cyiciro cy'imirimo zigomba kugena no kwemeza iteganyabikorwa rishingiye ku ngamba no ku cyerekezo cy'iterambere ry'igihugu kandi rigamije kugishyira mu bikorwa.

Buri rwego rwa Leta rugomba gutegura kandi rugashyira mu bikorwa iteganyabikorwa ry'urwego rishingiye ku ngamba z'icyiciro cy'imirimo rubarizwamo rikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 8: Guhuza igenamigambi n'ingengo y'imari

Uburyo bw'igenamigambi ry'ibikorwa bugomba guhuzwa n'ingengo y'imari ikenerwa kuri ibyo bikorwa.

Ikorwa ry'amasezerano y'imihigo haba ku rwego cyangwa ku mukozi bihuzwa n'ingengabihe y'igenamigambi n'itegurwa ry'ingengo y'imari.

Ibikorwa byihutirwa bigaragazwa n'iteganyabikorwa ry'urwego ni byo

organ also has the mission to follow up for making sure that all State organs have established the mid-term and annual planning.

Article 7: Linking planning with the action plan of State organs

State organs under the same sector of activities must determine and approve the action plan which is based on strategies and national development vision and which aims at its implementation.

Every State organ must also prepare and implement an action plan of the organ which is based on the sector strategic plan for the relevant sector of activities and approved by the competent authority.

Article 8: Linking planning with the budget

The planning activities process must be linked with the budget needed for such activities.

Preparation of the performance contract of an organ or that of a public servant is aligned with the planning and budgeting cycle.

Priority activities identified within the action plan of the organ are the basis for budget allocations.

à long-terme et le plan d'action à moyen-terme. Cet organe a également la mission de faire le suivi pour s'assurer que tous les organes de l'Etat ont mis en place la planification à moyen terme et annuelle.

Article 7: Relier la planification au plan d'action des organes de l'Etat

Les organes de l'Etat relevant du même secteur d'activités doivent déterminer et approuver le plan d'action basé sur les stratégies et la vision nationale en matière de développement et qui vise à sa mise en œuvre.

Chaque organe de l'Etat doit également préparer et exécuter le plan d'action de l'organe basé sur le plan stratégique de son secteur d'activités et approuvé par l'autorité compétente.

Article 8: Relier la planification au budget

Le processus de la planification des activités doit être relié au budget nécessaire pour ces activités.

L'élaboration du contrat de performance de l'organe ou celui de l'agent public est alignée au cycle de la planification et de la budgétisation.

Les activités prioritaires identifiées dans le plan d'action de l'organe forment la base des allocations budgétaires.

bishingirwaho mu kugena imari urwego ruzakoresha.

Ingingo ya 9: Igenamigambi ry'ibikorwa bihuriweho n'inzego

Buri mwaka mu gihe cy'igenamigambi, Serivisi za Minisitiri w'Intebe zigaragaza urutonde rw'ibikorwa byihutirwa bikeneye igenamigambi rihuriweho n'inzego zitandukanye zigomba kubishyira mu bikorwa kuko bitakorwa n'urwego rumwe.

Buri rwego ruri mu mihigo ihuriweho rugomba kugaragaza mu iteganyabikorwa ryarwo ry'umwaka, ibikorwa biturutse mu mihigo ihuriweho n'inzego bijyana n'inshingano z'urwo rwego.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego mu nzego zihuriye kuri uwo muhigo, rushinzwe guhuza ibikorwa byawo.

Inzego zose ziri mu mihigo ihuriweho zigira inshingano zingana mu kugera ku musaruro ugamijwe muri uwo muhigo.

Article 9: Joint planning

At the annual planning stage, the Office of the Prime Minister specifies the list of priority activities whose implementation requires joint planning because they cannot be performed by a single organ.

Every State organ involved in joint *Imihigo* must indicate in its annual action plan, activities from the joint *Imihigo* falling under its mission.

A Prime Minister's Order specifies among organs involved in joint *Imihigo*, the organ in charge of coordination of the planned activities.

All organs involved in joint *Imihigo* have equal responsibility for achieving the intended result for that performance contract.

Article 9: Planification conjointe

Lors de la planification annuelle des activités, les Services du Premier Ministre dresse une liste des activités prioritaires dont l'exécution requiert une planification conjointe parce qu'elles ne peuvent pas être exécutées par un seul organe.

Chaque organe de l'Etat concerné par *Imihigo* conjoints doit indiquer dans son plan d'action annuel, les activités issues d'*Imihigo* conjoints relevant de sa mission.

Un arrêté du Premier Ministre désigne parmi les organes visés par *Imihigo* conjoints, un organe chargé de la coordination des activités prévues.

Tous les organes concernés par *Imihigo* conjoints ont une part égale de responsabilités dans la réalisation du résultat prévu au contrat de performance.

Icyiciro cya 2: Itegurwa ry'imihigo

Ingingo ya 10: Guhuza iteganyabikorwa n'imihigo y'urwego n'iy'abakozi barwo

Imihigo ya buri rwego rwa Leta n'iya buri mukozi wa Leta igomba gushingira ku iteganyabikorwa ry'urwego.

Buri rwego rwa Leta rushinzwe gutuma ibikorwa rugomba kugeraho mu gihe cy'umwaka bigaragarira neza mu mihigo y'umwaka y'abakozi barwo.

Ingingo ya 11: Gushyira ibikorwa mu byiciro no guhuza ibikorwa by'umukozi n'intego ku musaruro

Ibikorwa by'umukozi w'urwego rwa Leta bigomba gushyirwa mu byiciro hakurikijwe uburemere bw'uruhare rw'igikorwa, kugira ngo agumane intego ku musaruro w'ibikorwa yiyemeje.

Buri muyobozi afatanyije n'umukozi ayobora nibo bashyira mu byiciro ibikorwa by'umukozi bahereye ku buremere bifite mu kugera ku musaruro uteganyijwe kugerwaho n'uwu muyobozi.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho uburyo ibyiciro by'ibikorwa bigenwa mu nzego z'ubutegetsi za Leta. Icyakora, bitewe n'imikorere yihariye y'inzego z'imirimo, umuyobozi ubifitiye

Section 2: Performance contract preparation

Article 10: Integration of the action plan and performance contract of the organ with performance contracts of its staff

The performance contract of every State organ and individual performance contracts must be aligned with the action plan of the organ.

Every State organ must ensure that results to be achieved in the annual action plan of the organ are consistent with the results expected from its staff.

Article 11: Categorizing activities and aligning activities in the individual performance contract with the targeted result

Activities of a public servant must be categorized by priority in order for him/her to keep the goals vis-à-vis the targeted result.

Every immediate supervisor together with his/her staff categorize priority activities depending on their relevance in relation to the achievement of targeted results to be achieved by that supervisor.

A Prime Minister's Order determines modalities for categorizing activities in State organs. However, depending on special nature of a sector activities, the competent authority specifies

Section 2: Elaboration du contrat de performance

Article 10: Intégration du plan d'action et le contrat de performance de l'organe aux contrats de performance de son personnel

Le contrat de performance de chaque organe de l'Etat et le contrat de performance individuel doivent être alignés au plan d'action de l'organe.

Chaque organe de l'Etat doit veiller à ce que les résultats devant être réalisés dans son plan d'action annuel soient cohérents avec les résultats attendus de ses agents.

Article 11: Classement des activités et alignement du contrat individuel de performance avec le résultat escompté

Les activités d'un agent de l'Etat doivent être classées par ordre de priorité pour que cet agent puisse continuer à suivre la voie vis-à-vis du résultat escompté.

Chaque supérieur hiérarchique, en collaboration avec l'agent sous sa supervision, classent par ordre de priorité les activités sur base de leur pertinence dans la réalisation des résultats à être atteints par ce supérieur.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les modalités de classement des activités dans les organes de l'Etat. Toutefois, sur base de la nature particulière des activités d'un secteur, l'autorité

ububasha ashiraho uburyo ibyiciro by'ibikorwa bigenwa muri izo nzego.

modalities for categorizing activities in such a sector.

compétente définit les modalités de classement des activités dans ce secteur.

UMUTWE WA III: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIHO

CHAPTER III: EXECUTION OF THE PERFORMANCE CONTRACT

CHAPITRE III: EXECUTION DU CONTRAT DE PERFORMANCE

Icyiciro cya mbere: Amasezerano y'imihigo

Section One: Performance contract

Section première: Contrat de performance

Ingingo ya 12: Gushyira umukono ku masezerano y'imihigo

Article 12: Signing the performance contract

Article 12: Signature du contrat de performance

Buri rwego rwa Leta, buri mukozi wa Leta na buri rwego ruri mu mihigo ihuriweho, bafite inshingano yo gushyira umukono ku masezerano y'imihigo ya buri mwaka.

Every State organ, every public servant and every institution involved in joint *Imihigo*, has the responsibility to sign a performance contract every year.

Chaque organe de l'Etat, chaque agent de l'Etat et chaque institution concernée par *Imihigo* conjoints a la responsabilité de signer chaque année le contrat de performance.

Amasezerano agaragaza ku buryo burambuye umusaruro uteganywa kugerwaho ndetse n'ingamba zo kuwugeraho.

The performance contract indicates in detail the result to be achieved and strategies for achieving it.

Le contrat de performance indique en détails les résultats à atteindre et les stratégies pour sa réalisation.

Ingingo ya 13: Abashyira umukono ku masezerano y'imihigo

Article 13: Parties to the performance contract

Article 13: Parties au contrat de performance

Amasezerano y'imihigo y'urwego rwa Leta ashirwaho umukono n'umuyobozi w'urwo rwego n'urwego rushinzwe kureberera urwo rwego.

The performance contract of the organ is concluded between the head of the organ and its supervising authority.

Le contrat de performance de l'organe est conclu entre le dirigeant de l'organe et son organe de tutelle.

Amasezerano y'imihigo y'umukozi wa Leta ashirwaho umukono n'umukozi wa Leta hamwe n'umuyobozi umukuriye. Amasezerano y'imihigo ihuriweho ashirwaho umukono n'inzego ziyahuriyeho.

The individual performance contract is concluded between the public servant and his/her immediate supervisor. The joint *Imihigo* is concluded between organs that are involved in such a contract.

Le contrat de performance individuel est conclu entre l'agent de l'Etat et son supérieur hiérarchique. Les *Imihigo* conjoints sont conclus entre les organes impliqués dans un tel contrat.

Icyiciro cya 2: Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo

Ingingo ya 14: Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'urwego n'abakozi barwo

Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo bigomba gukorwa kuri buri rwego rwose rwa Leta no kuri buri mukozi.

Ingingo ya 15: Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo mu nzego za Leta

Inzego zose za Leta zigomba gukora igenzura rya buri gihembwe n'irya buri mwaka rigaragaza ibimaze kugerwaho kuri buri musaruro wateganyijwe mu masezerano y'imihigo y'urwego, ingengo y'imari yakoreshejwe kugira ngo igikorwa kigerweho ndetse n'ingorane zagaragaye.

Serivisi za Minisitiri w'Intebe zitegura inyandiko zikurikizwa mu bijyanye no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'inzego.

Serivisi za Minisitiri w'Intebe kandi zikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'urwego muri za Minisitiri n'inzego z'ibanze. Muri Komisiyo z'Igihugu, Inzego Zihariye, Inama z'Igihugu n'Ibigo bya Leta, iyo nshingano ikorwa n'urwego rwagenwe n'itegeko kureberera izo nzego cyangwa urwego rwagenwe gushyikirizwa raporo.

Section 2: Monitoring the implementation of performance contracts

Article 14: Monitoring the implementation of performance contracts of an organ and its staff

The monitoring of the implementation of performance contracts must be carried out at each organ and each staff member.

Article 15: Monitoring the implementation of performance contracts in State organs

All State organs must carry out quarterly and annual monitoring indicating the progress attained against each expected result in the performance contract of an organ, expenditures made for the achievement of the result as well as challenges faced.

The Office of the Prime Minister prepares reference documents related to the monitoring of the implementation of performance contracts of the organs.

The Office of the Prime Minister also monitors the implementation of performance contracts of the organ at the level of Ministries and local administration. At the level of National Commissions, Specialized Organs, National Councils and Public Institutions, this responsibility is fulfilled by the supervising organ determined by law or by the organ designated for receiving reports.

Section 2: Suivi de l'exécution des contrats de performance

Article 14: Suivi de l'exécution des contrats de performance d'un organe et son personnel

Le suivi de l'exécution des contrats de performance doit être effectué à chaque institution et chaque membre du personnel.

Article 15: Suivi de l'exécution des contrats de performance dans les organes de l'Etat

Tous les organes de l'Etat doivent effectuer le suivi trimestriel et annuel indiquant les progrès réalisés pour chaque résultat attendu prévu dans le contrat de performance de l'organe, les dépenses faites pour atteindre le résultat ainsi que les défis relevés.

Les Services du Premier Ministre élaborent les documents de référence en rapport avec le suivi de l'exécution des contrats de performance des organes.

Les Services du Premier Ministre assurent également le suivi de l'exécution des contrats de performance de l'organe au niveau des Ministères et de l'administration locale. Au niveau des Commissions Nationales, des Organes Spécialisés, des Conseils Nationaux et des établissements publics, cette responsabilité est remplie par l'organe de tutelle déterminé par la loi ou par l'organe désigné pour recevoir les rapports.

Mu rwego rw'Ubucamanza iyo nshingano ifitwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza naho mu rwego Nshingamategeko iyo nshingano ifitwe na Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.

Mu nzego za Leta zishinzwe umutekano, uburyo bwo gushyira mu bikorwa amasezerano y'imihigo igamije umusaruro no kuyakurikirana bugenwa hakurikijwe imiterere yihariye y'izo nzego.

Ingingo ya 16: Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'abakozi

Buri rwego rwa Leta rugomba gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'abakozi barwo rushingiye ku bipimo byashyizweho na Minisitiri ifite abakozi ba Leta mu nshingano.

Iteka rya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze rishyiraho ibipimo bishingirwaho.

Ingingo ya 17: Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ihuriweho

Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ihuriweho bikorwa na Serivisi za Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 18: Raporo ku gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo

Urwego rwa Leta rurebwa n'iri tegeko rukora raporo ya buri gihembwe na buri mwaka igaragaza

In the Judiciary, that responsibility rests with the High Council of the Judiciary, while in the Legislature it is the responsibility of the Bureau of each Chamber of Parliament.

In State organs in charge of security, the modalities for implementing and monitoring results-based performance contracts are determined in accordance with the particular organization of those organs.

Article 16: Monitoring the implementation of individual staff performance contracts

Each State organ must monitor the implementation of individual performance contracts for its staff on basis of indicators determined by the Ministry in charge of public service.

An Order of the Minister in charge of public service determines the indicators.

Article 17: Monitoring the implementation of joint Imihigo

Monitoring of the implementation of joint *Imihigo* is carried out by the Office of the Prime Minister.

Article 18: Report on the monitoring of the implementation of performance contracts

The State organ concerned with this Law prepares a quarterly and annual report indicating, with

Au sein du Pouvoir Judiciaire, cette responsabilité incombe au Conseil Supérieur de la Magistrature tandis qu'au sein du Pouvoir Législatif, elle relève du Bureau de chaque chambre du Parlement.

Dans les organes de l'Etat chargés de la sécurité, les modalités d'exécution et de suivi des contrats de performance visant les résultats sont déterminées conformément à l'organisation particulière de ces organes.

Article 16: Suivi de l'exécution des contrats de performance individuels des membres du personnel

Chaque organe de l'Etat doit assurer le suivi de l'exécution des contrats de performance individuels de son personnel sur base des indicateurs fixés par le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions.

Un arrêté du Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions détermine les indicateurs.

Article 17: Suivi de l'exécution des Imihigo conjoints

Le suivi de l'exécution des *Imihigo* conjoints est effectué par les Services du Premier Ministre.

Article 18: Rapport du suivi de l'exécution des contrats de performance

L'organe de l'Etat visé par la présente loi élabore un rapport trimestriel et annuel indiquant, à l'appui

mu mibare umusaruro wagezweho ugereranyije n'ibyari byateganyijwe mu mihigo.

Urwego rureberera Komisiyo z'Igihugu, Inzego Zihariye, Inama z'Igihugu n'Ibigo bya Leta, rukusanya raporo za buri gihembwe na raporo z'umwaka rukazishyikiriza Minisiteri ifite igenamigambi mu nshingano zayo.

Minisiteri ifite igenamigambi mu nshingano zayo ikusanya raporo z'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo zavuye mu nzego zose za Leta ikazishyikiriza Serivisi za Minisiteri w'Intebe.

Icyiciro cya 3: Isuzuma ry'imihigo

Ingingo ya 19: Isuzuma ry'imihigo

Amasezerano y'imihigo y'urwego n'imihigo y'abakozi asuzumwa hitawe ku musaruro w'ibikorwa bagezeho mu kwesa imihigo ugereranyije n'umusaruro wateganyijwe kugerwaho.

Isuzumwa ry'imihigo y'inzego rikorwa hakurikijwe umurongo utangwa buri mwaka na Serivisi za Minisitiri w'Intebe. Abagenzuzi bigenga bashobora kwifashishwa muri iki gikorwa.

figures, the results achieved in relation to the expected results in the performance contracts.

The supervising organ of national commissions, specialized organs, national councils and public institutions collect quarterly and annual reports and submit them to the Ministry in charge of planning.

The Ministry in charge of planning collects reports of the implementation of performance contracts from all State organs and submits them to the Office of the Prime Minister.

Section 3: Evaluation of performance contracts

Article 19: Evaluation of performance contracts

Performance contracts of an organ and individual staff performance contracts are evaluated on the basis of the results achieved in relation to the expected results.

The evaluation of performance contracts of organs is carried out in accordance with the guidance given each year by the Office of the Prime Minister. Independent evaluators may be used in this activity.

des chiffres, les résultats atteints par rapport aux résultats prévus dans les contrats de performance.

L'organe de tutelle des commissions nationales, des organes spécialisés, des conseils nationaux et des établissements publics recueille les rapports trimestriels et annuels et les transmet au Ministère ayant la planification dans ses attributions.

Le Ministère ayant la planification dans ses attributions collecte les rapports d'exécution des contrats de performance en provenance de tous les organes de l'Etat et les transmet aux Services du Premier Ministre.

Section 3: Evaluation des contrats de performance

Article 19: Evaluation des contrats de performance

Les contrats de performance de l'organe et les contrats de performance individuels des membres du personnel sont évalués sur base des résultats atteints par rapport aux résultats attendus.

L'évaluation des contrats de performance des organes est effectuée conformément à l'orientation donnée chaque année par les Services du Premier Ministre. Les évaluateurs indépendants peuvent être utilisés dans cette activité.

UMUTWE WA IV: INGARUKA Z'ISUZUMABUSHOBOZI RY'IMIHIHO

CHAPTER IV: EFFECTS OF PERFORMANCE EVALUATION

CHAPITRE IV: EFFETS DE L'EVALUATION DES PERFORMANCES

Ingingo ya 20: Ingaruka z'isuzumabushobozi rishingiye ku musaruro

Article 20: Effects of results-based evaluation

Article 20: Effets de l'évaluation basée sur les résultats

Umukozi wa Leta akorerwa isuzumabushobozi hashingiwe ku mihigo yiyemeje kugeraho mu mwaka w'ingano y'imari.

A public servant is evaluated on the basis of the performance he/she has committed to achieve during the financial year.

Un agent de l'Etat est évalué sur base des performances qu'il s'est engagé à réaliser au cours de l'exercice fiscal.

Umukozi wa Leta wesheje imihigo ashirwa mu cyiciro hashingiwe ku manota yagize mu kugera ku musaruro wateganyijwe kandi agahabwa ishimwe hashingiwe ku musaruro w'ibikorwa wavuye mu isuzumabushobozi yakorewe buri mwaka.

A public servant who has achieved the results is graded according to his/her score obtained in the achievement of expected results and receives an award on the basis of the results of his/her activities indicated by the evaluation carried out each year.

L'agent de l'Etat qui a atteint les résultats est classé suivant les points obtenus dans la réalisation des résultats prévus et il obtient une prime sur base des résultats de ses activités indiquées par l'évaluation effectuée chaque année.

Iyo umukozi wa Leta utesheje imihigo agomba gusezererwa ku murimo kubera ubushobozi buke, hitabwa ku musaruro uwo mukozi yagezeho mu gihe cy'imyaka ibiri (2) ibanziriza umwaka wakorewe isuzumabushobozi.

When a public servant who has failed to achieve the results is subject to dismissal because of his/her incompetence, account is taken of his/her results achieved during the two (2) years preceding the year of his/her evaluation.

Lorsqu'un agent de l'Etat ayant échoué d'atteindre les résultats est sujet au licenciement à cause de son incompetence, il est tenu en considération des résultats atteints au cours des deux (2) années précédant l'année de son évaluation.

Umukozi wa Leta warushije abandi gukora neza ashobora kugenerwa ishimwe ryihariye hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta.

A public servant who has demonstrated the best performance may be granted a special award in accordance with laws governing public service.

Un agent de l'Etat qui a démontré la meilleure performance peut être accordé une prime spéciale conformément aux lois régissant la fonction publique.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena uburyo bw'imicungire y'imihigo igamije umusaruro mu nzego z'ubutegetsi bwa Leta, ibyiciro abakozi bashyirwamo, amanota bahabwa n'uburyo bazamurwa mu ntera. Rigena kandi ishimwe n'ibihano hashingiwe ku musaruro w'ibikorwa wavuye mu isuzumabushobozi umukozi yakorewe.

A Prime Minister's Order determines results-based performance management in State organs, categories of employees, their scores and modalities for their promotion. It also determines awards and sanctions based on the results of the employee's performance appraisal.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les modalités de gestion des performances axée sur les résultats au sein des organes de l'Etat, les catégories des employés, leurs points et les modalités pour leur promotion en grade. Il détermine également les primes et les sanctions sur base des résultats de l'évaluation des performances de l'employé.

Iteka rya Perezida rigena ibimaze kuvugwa mu gika kibanziriza iki mu Nteko Ishinga Amategeko, mu rwego rw'Ubucamanza no mu Bushinjacyaha Bukuru.

Bitewe n'imikorere yihariye y'icyiciro cy'imirimo, iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena uburyo bw'ishyirwa mu bikorwa ry'imicungire y'imihigo igamije umusaruro muri icyo cyiciro cy'imirimo.

Ingingo ya 21: Ingaruka z'isuzumabushobozi ry'imihigo y'inzezo za Leta

Umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora gushyiraho uburyo bwihariye bwo gutanga amashimwe ku rwego rwesheje imihigo, ashobora kandi gufatira ibyemezo abayobozi b'urwego rutesheje imihigo.

UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 22: Guha agaciro ibyakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangazwa

Amasezerano y'imihigo yashyizweho umukono mbere y'uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda hashingiwe ku mateka yari asanzweho, agumana agaciro kayo.

A Presidential Order determines provisions referred to under the previous Paragraph for the Parliament, for the Judiciary and for the National Public Prosecution Authority.

Depending on the special nature of service of a given sector, a Prime Minister's Order may determine modalities for implementation of results based performance management in that sector.

Article 21: Effects of performance evaluation of State organs

The competent authority may provide for special arrangements to reward the organ which has achieved the results and to take decisions with regard to the leaders of the organ which has not achieved the results.

CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 22: Legal effect of acts performed before the publication of this Law

Performance contracts concluded before the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda in accordance with the existing Orders, remain valid.

Un arrêté présidentiel détermine les dispositions visées à l'alinéa précédent au Parlement, au sein du Pouvoir Judiciaire et dans l'Organe National de Poursuite Judiciaire.

Suivant le fonctionnement spécial du service d'un secteur donné, un arrêté du Premier Ministre peut déterminer les modalités pour l'exécution de performance basée sur les résultats au sein de ce secteur d'activités.

Article 21: Effets de l'évaluation des performances des organes de l'Etat

L'autorité compétente peut prévoir les modalités particulières d'octroi de primes à l'organe qui a atteint les résultats et de prendre des décisions à l'égard des autorités de l'organe qui n'a pas atteint les résultats.

CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 22: Validité des actes posés avant la publication de la présente loi

Les contrats de performance conclus avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda conformément aux arrêtés en vigueur, restent valables.

Official Gazette n° 20 bis of 15/05/2017

Ingingo ya 23: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 24: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 25: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 28/04/2017

Article 23: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 24: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Law are repealed.

Article 25: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 28/04/2017

Article 23: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Article 24: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 25: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 28/04/2017

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux